**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE**

**ICYEMEZO N°001/19/TGI/HYE GIHANISHA AVOKA IHAZABU MBONEZAMUBANO KUBERA GUTINZA URUBANZA**

Umwaka w'i 2019,umunsi wa 03,ukwezi kwa Ukwakira ;

Twebwe MBISHIBISHI Maurice; Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Huye,dufashijwe na TUGIZAMAHIRWE Olive; Umwanditsi warwo;

Tumaze kubona mw'iburanisha ry'urubanza nshinjabyaha RP 00156/2019/TGI/HYE ,Ubushinjacyaha bukurikiranyemo MBABAZI Valens icyaha cyo gusambanya umwana;

Tumaze kubona ko iburanisha ry'uru rubanza ryaro riteganyijwe kuwa 13/6/2018 saa mbiri za mugitondo,ariko kuri iyi tariki rukaba rwarimuriwe kuwa 03/10/2019 saa mbiri za mugitondo,bisabwe n'uregwa kuko umwunganizi we Me Habumuremyi Englebert atari yabonetse;

Tumaze kubona kuwa 03/10/2019 saa mbiri za mugitondo,uyu MBABAZI Valens yitabye ariko umwunganizi we Me Habumuremyi Englebert atitabiriye iburanisha kandi nta mpamvu yamenyeshe urukiko cyangwa uwo yunganira, yamubujije kwitabira iburanisha;

Tumaze kumva AYURUBWA Laurent;umubyeyi wa MBABAZI Valens avuga ko uyu avoka Me Habumuremyi Englebert bavuganye kuri telefoni kandi bumvikanye guhurira ku rukiko akunganira umwana we nkuko yanabigaragarije amasezerano bagiranye ndetse n'inyemezabwishyu z'igihembo yamuhaye,amasezerano yabo anashimangirwa no kuba uyu avoka asanzwe yarahujwe n'ikirego muri IECMS;

Tumaze kubona Me Habumuremyi Englebert atitabiriye iburanisha kandi ntawe yamenyesheje impamvu yamubujije;

Dushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 18,igika 2, y'itegeko n° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018,ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi,ko: *« Iyo gutinza urubanza ku bushake bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umwavoka cyangwa undi muntu uhagarariye umuburanyi, acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi maganabiri(200.000) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000).»*

Dusanze kuba Me HABUMUREMYI Englebert,wunganira MBABAZI Valens,ataritabiriye iburanisha ryo kuwa 03/10/2019,ari uburyo bwo gutinza urubanza ku bushake.

Dutegetse ko Me HABUMUREMYI Englebert, aciwe ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 Frws) kubera gutinza urubanza ku bushake.

Dutegetse ko Me HABUMUREMYI Englebert atemerewe kuzongera kuburana mu nkiko z'u Rwanda atarishyura iyi hazabu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 19,igika cya 2 y'itegeko n° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru ko: *«Iyo umuburanyi yunganiwe cyangwa ahagarariwe, ihazabu ivugwa mu gika cya mbere icibwa avoka mu gihe bigaragaye ko gutinda k'urubanza ariwe byaturutseho. Umwavoka wahanishijwe ihazabu mbonezamubano ntashobora kongera kuburanira mu rukiko urwo ari rwo rwose,igihe cyose iyo hazabu itarishyurwa.»*

Ni uko byemejwe n'Urukiko rwisumbuye rwa Huye none kuwa 03/10/2019 rugizwe na:

| | |
|---|---|
| <u>UMUCAMANZA</u> | <u>UMWANDITSI</u> |
| MBISHIBISHI Maurice | TUGIZAMAHIRWE Olive |
| Sé | Sé |

Copie certifiée conforme à l'original par Greffier TUGIZAMAHIRWE Olive

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE